# Ibisubizo by' ikizamini cya leta gisiza amashuri abanza 2019

IGICE CYA MBERE: KUMVA NO GUSESENGURA UMWANDIKO.

1.Ubu turi mu kinyejana cya cya 21

2.Ubushakashatsi bwageragejwe gukora mu rwego rwa gisirikare ni ukubona intwaro yakwica abantu itononnye umutungo wabo cyangwa ibikoresho byabo.

3. Akamaro gatandukanye k' inshuti kavugwa muri uyu mwandiko :

-Iyo turi mu byago iradutabara, twajya kugwa mu kaga ikatuburira, twapfusha ikaduhambira ,ikadufata mu mugongo , ikatuyagira

4. Ibintu 3 bikunze kubuza abantu kuba inshuti: gukunda ibintu, kwikunda ubwacu, kugirana amahari, umwete muke wo gushaka inshuti.

5. Impamvu hashakishwaintwaro yakwica abantu ariko itangije imitungo yabo ni ukugira ngo bashobore kwigarurira imitungo ba nyirayo batagihari.

6. Icyo twakora kugira ngo tugire inshuti nyazo tugomba kwirinda gukunda ibintu kurenza abantu.

7. Icyo dukwiye gukora mbere yo guhitamo inshuti ni ukumenya uko iteye, kugira ngo tutazicuza kuba twariyujuje n' umunyangesombi akatwanduza imicò mibi.

8. Ibintu wagenderaho uhitamo inshuti nziza ni ukuba ishyira mu gaciro, ivugisha ukuri, icyaha umuntu iyo yakoze ikosa.

9. Gusimbuza amagambo aciyehoakarongo

a.batishimye: bijimye, bigunze.

b. itangije: itononnye

c. nyakuri: nyayo

d. yabisimbuza: yabigurana

e. ntikururwa: ntireshywa

10. Kuvuga niba niba ari byo cg cyangwa Atari byo

a. si byo

b.ni byo

c. ni byo,

d.si byo

e. si byo

IGICE CYA KABIRI: IKIBONEZAMVUGO

11. Kwandika ubwoko bw' amagambo aciyeho akarongo

a. ba: ikinyazina mboneranteko

b. Yooo! Amarangamutima

c. kare: umugereka w' igihe

d.tiku: inyigana inyiganarusaku

12.Inteko z' amagambo aciyeho akarongo

Ikinyejana : nt.7

Ubutwari: 14

Umuntu : 1

Intambara: 10

Imico: 4

13. Urugero rw' interuro ngufi kuri buri bwoko

a. Interuro ibaza : Wiga mu wa kangahe ?

b.Interuro ihamya Inshuti ni ngombwa mu buzima .

c. Interuro itangara Mbega ukuntu yabaye !

d. Iteruro itegeka Nzanira icyo gitabo hano .

14.Gushyira iyi nteruro mu bindi bihe bikuru by' inshinga

Aba banyeshuri baraganira n' inshuti zabo.

-Aba banyeshuri baganiriye / baganiraga n' inshuti zabo.

-Aba banyeshuribazaganira n' inshuti zabo.

15. Gushyira interuro mu ngiro

a. Inzu irubakwa n' abafundi
Abafundi barubaka inzu ( ingiro nkora )

b. Abanyeshuri barakora ikizamini
Ikizamini kirakorwaabanyeshuri ( ingiro ntega)

c. Umwarimu arigisha ikinyarwanda
Umwarimu ariyigisha ikinyarwanda.( ingiro ngaruka)

16. Gutanga imbusane z' amagambo aciyeho akarongo

a. cyane # buhoro
D. akenshi : rimwe na rimwe

b. inshuti # umwanzi
iradutabara : iraduterera/ iraduhana

c. Ntawarondora # hari uwarondora.

IGICE CYA GATATU : UBUMENYI RUSANGE BW' URURIMI

17. ibintu bitatu biranga umugani muremure

-Utangira na " kera habayeho/habayeho"

-Ubamo amakabyankuru

-Usozwa na " si nge wahera "

18. Kwica ibisakuzo bikurikira:

a. ishyiga
b. ibishokoro c. intoki z' ikiganza

d. ikiyoni/ igikona e. umugezi/ uruzi

19. Kuzuza imigani y' imigenurano

Agapfa kaburiwe ni impongo

b. Agahwa kari ku wundi karahandurika

c. Akarenze umunwa karushya ihamagara

d. Umwanzi agucira akobo **Imana ikagucira akanzu**

e. **Inzira** ntibwira umugenzi

20. Kuzuza hakoreshejwe amagambo asobanura kimwe n' ayatanzwe

a. Igikeri ntikivuga ahubwo **kiragonga**

b.Umugore w' umwami bamwita **umwamikazi**

c. Amashyi menshi bayita **urufaya**
d. Intaho y' impyisi bayita **isenga**

e. Ntibavuga ihene nyinshi bavuga **umukumbi**

21.Gutanga urugero rw' amagambo atatu y' imvugwakimwe

-**Kubika** kw' inkoko no **kubika** uwapfuye

-

-**Gukuba** kw' imvura no **gukuba** umubare

-**Imyaka** y' ubukure n' **umyaka** y' ibihingwa

22. Gusimbuza izina **"Kagabo"** n' **"abana"** bakandukura.

-**Abana** bavuye imuhira **baguye** kuvoma. Mu nzira **bahura** n' umusaza **arababaza** ati :<<**Mwa bana mwe mugiye** he ? >>Baramusubiza **bati**: << Tugiye kuzanira ababyeyi **bacu** amazi yo guteka.>>

23. Kuzuza interuro hakoreshejwe amagambo yatanzwe.

a. **Umuhindo** ubusanzwe utangira muri **Nzeli** ukarangira mu kuboza.

b.**Impeshyi** bita nanone **iki** irangwa n' izuba ryinshi igatangira muri **Kamena.**

24. Gukosora interuro aho zanditse nabi

a. Aramubwira ati:<<Nujya iburyo nzajya ibumoso

b. **Nuko** baragenda bageze imbere bahura **n'** impyisi

## IGICE CYA KANE: IHANGAMWANDIKO

25. ITANGAZO RYO KURANGISHA

Uwitwa Gwiza Mahoro utuye mu Karere ka Musave Umurenge wa Hondi ararangisha ibyangombwa bye byaburiye muri Gare ya nyabugogo ku wa mbere tariki ya 7Ukuboza 2019.Ibyo byangombwa ni ikarita y' ishuri , irangamuntu yatangiwe mu Karere ka Musave n' ikarita y' ubwisungane mu kwivuza.Uwaba yarabibonye yabishyikiriza sitasiyo ya Polisi imwegereye cyangwa agahamagara kuri izi nimero zikurikira 0788892456 akazahembwa bishimishije.

Gwiza Mahoro

ɱɱɣs